REBUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYARUGURU
AKARERE KA GICUMBI
AGASANDUKU K'IPOSITA: 22 BYUMBA

ITANGAZO RIHAMAGARIRA ABABYEYI KOHEREZA ABANA KU ISHURI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gicumbi burasaba abahyeyi bose bafite abana basanzwe biga, ko ingengabihe y'itangira ry'igihembwe cya kabiri cy'umwaka w'amashuri 2020/ 2021 iteye ku buryo bukurikira:

IKICIRO CY'AMASHURI	IGIHE BAZATANGIRIRA
-Amashuri abanza umwaka wa gatanu n'uwagatandatu (P5,P6) -Amashuri yisumbuye umwaka wa gatatu (S3) uwa gatanu (S5) n'uwa gatandatu (S6) - Amashuri y'Imyuga n'Ubumenyingiro (TVET School): L3, L4 na L5). -TTC kuva mu mwaka wa mbere kugera mu wa gatatu (year1-3)	**Ku wa 2/11/2020**
-Amashuri abanza umwaka wa kane (P4) -Amashuri yisumbuye S1,S2,S4	**Ku wa 23/11/2020**

Ubuyobozi bw'Akarere bukaba busaba ababyeyi gutegura abana ku buryo ku mataliki yagaragajwe haruguru abana bose bazitabira ishuri bafite isuku kandi bafite ibikoresho by'ishuri bihagije kuko nta mwana wemerewe gutizanya na mugenzi we igikoresho icyo ari cyo cyose mu rwego rwo kwirinda kwanduzanya COVID-19.

Icyitonderwa:

- Ababyeyi bose barasabwa kohereza abanyeshuri ku ishuri hakurikijwe ingengabihe yavuzwe haruguru nta n'umwe usigaye mu rugo,
- Abayobozi bose guhera ku mudugudu, abanyamadimi n'amatorero murasabwa ubufatanye muri iki gikorwa cyo gukangurira abana kwitabira ishuri,

Bikorewe i Gicumbi, kuwa 28/10/2020

NDAYAMBAJE Felix
Umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi